**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**Ubuyozi Bukuru bw' Ingabo z'u Rwanda (RDF HQs)**
**Ishami rishinzwe Abakozi (J1 Department)**
**P.O. Box 85 KIGALI**

## ITANGAZO KU BIFUZA KWINJIRA MU NGABO Z' U RWANDA

Ubuyobozi bukuru bw' Ingabo z'u Rwanda buramenyesha Abanyarwanda bose bifuza kwinjira mu Ngabo z'u Rwanda ku rwego rw'abasirikare bato n'urw'abagize Umutwe w'Inkeragutabara (Reserve Force) ko kwiyandikisha ku turere no ku mirenge bizatangira tariki ya **23 Gicurasi** kugeza tariki ya **01 Kamena 2026**. Abatazabona umwanya wo kwiyandikisha ntibyababuza kuza ku munsi w'ibizamini.

Abiyandikisha ku rwego rw'abasirikare bato ni abasore n'inkumi bujuje ibi bikurikira:

- Kuba ari Umunyarwanda.
- Kuba afite ubuzima buzira umuze.
- Kuba yararangije amashuri atatu yisumbuye (S3) kuzamura.
- Kuba afite imyaka y'amavuko iri hagati ya 18 na 25.
- Kuba atarakatiwe n'inkiko.
- Kutagaragara ku rutonde rw'abirukanwe mu mirimo ya Leta.
- Kuba uri indakemwa mu mico no mu myifatire.
- Kuba afite ubushake bwo kwinjira mu Ngabo z'u Rwanda.
- Gutsinda ibizamini bizatangwa.

Abiyandikisha ku rwego rw'Umutwe w'Inkeragutabara ni abasore n'inkumi bujuje ibi bikurikira:

- Kuba ari Umunyarwanda.
- Kuba afite ubuzima buzira umuze.
- Kuba yararangije amashuri y'isumbuye (A-Level) kuzamura
- Kuba atarakatiwe n'inkiko.
- Kutagaragara ku rutonde rw'abirukanwe mu mirimo ya Leta.
- Kuba ari indakemwa mu mico no mu myifatire.
- Kuba afite ubushake bwo kwinjira mu Ngabo z'u Rwanda.
- Gutsinda ibizamini bizatangwa.
- Uwarangije amashuri yisumbuye, agomba kuba afite imyaka y'amavuko iri hagati ya 18 na 25.
- Uwarangije kaminuza (A0) cyangwa amashuri y'imyuga (IPRC), agomba kuba afite imyaka y'amavuko itarenze 26.
- Ufite ubumenyi bwihariye yize mu mashami y'ubuganga (Medicine), ubuhanga (Engineering) ndetse n'amategeko (Law), agomba kuba afite imyaka y'amavuko itarenze 27.

**Ibyangombwa bisabwa:**

- Indangamuntu.
- Icyemezo cyerekana ko yarangije amashuri atandatu yisumbuye (A level Certificate).
- Icyemezo cy'ubudakemwa mu mico no mu myifatire gitangwa n'ubuyobozi bw'umurenge.
- Icyemezo cyo kuba utarakatiwe n'inkiko.

Abiyandikishije bazakora ibizamini by'ijonjora kuva tariki ya **02 Kamena** kugeza tariki ya **17 Kamena 2026** saa mbili za mu gitondo aha hakurikira:



RWANDA DEFENCE FORCE HQ - OFFICE OF THE CH

**Mu mujyi wa Kigali**:

- Mu Karere ka Kicukiro ni tariki ya 02- 03 Kamena 2026 kuri Stade ya IPRC Kicukiro
- Mu Karere ka Gasabo ni tariki ya 04- 05 Kamena 2026 kuri Stade ya ULK
- Mu Karere ka Nyarugenge ni tariki ya 06- 07 Kamena 2026 kuri Kigali Pelé Stadium Nyamirambo

**Mu Ntara y'Amajyaruguru**:

- Mu Karere ka Gicumbi ni tariki ya 02- 03 Kamena 2026 kuri Stade ya Gicumbi
- Mu Karere ka Burera ni tariki ya 04- 05 Kamena 2026 ku biro by'Akarere
- Mu Karere ka Musanze ni tariki ya 06- 07 Kamena 2026 kuri Stade Ubworoherane
- Mu Karere ka Gakenke ni tariki ya 08- 09 Kamena 2026 ku Kibuga cy'umupira cya Ngando
- Mu Karere ka Rulindo ni tariki ya 10- 11 Kamena 2026 ku Kibuga cya Gasiza

**Mu Ntara y'Amajyepfo**:

- Mu Karere ka Nyamagabe ni tariki ya 02- 03 Kamena 2026 kuri Stade ya Nyamagabe
- Mu Karere ka Nyaruguru ni tariki ya 04- 05 Kamena 2026 ku Kibuga cy'umupira cya Ndago
- Mu Karere ka Gisagara ni tariki ya 06- 07 Kamena 2026 ku biro by'akarere
- Mu Karere ka Huye ni tariki 08- 09 Kamena 2026 kuri Stade ya Huye
- Mu Karere ka Nyanza ni tariki 10- 11 Kamena 2026 kuri Stade ya Nyanza
- Mu Karere ka Ruhango ni tariki ya 12- 13 Kamena 2026 ku biro by'akarere
- Mu Karere ka Muhanga ni tariki ya 14- 15 Kamena 2026 kuri Stade ya Muhanga
- Mu Karere ka Kamonyi ni tariki ya 16- 17 Kamena 2026 ku biro by'akarere

**Mu Ntara y'Iburasirazuba**:

- Mu Karere ka Kirehe ni tariki ya 02- 03 Kamena 2026 ku biro by'akarere
- Mu Karere ka Ngoma ni tariki ya 04- 05 Kamena 2026 ku kibuga cy'umupira cya Ngoma
- Mu Karere ka Nyagatare ni tariki ya 06- 07 Kamena 2026 kuri Stade ya Nyagatare
- Mu Karere ka Gatsibo ni tariki ya 08- 09 Kamena 2026 ku biro by'akarere
- Mu Karere ka Kayonza ni tariki ya 10- 11 Kamena 2026 ku biro by'akarere
- Mu Karere ka Rwamagana ni tariki ya 12- 13 Kamena 2026 ku biro by'akarere
- Mu Karere ka Bugesera ni tariki ya 14- 15 Kamena 2026 kuri Stade ya Bugesera

**Mu Ntara y'Iburengerazuba**:

- Mu Karere ka Rusizi ni tariki ya 02- 03 Kamena 2026 kuri Stade ya Rusizi
- Mu Karere ka Nyamasheke ni tariki ya 04- 05 Kamena 2026 ku biro by'akarere
- Mu Karere ka Karongi ni tariki ya 06- 07 Kamena 2026 ku kibuga cya Mbonwa
- Mu Karere ka Rutsiro ni tariki ya 08- 09 Kamena 2026 kuri Stade ya Rutsiro
- Mu Karere ka Rubavu ni tariki ya 10- 11 Kamena 2026 kuri Stade ya Rubavu
- Mu Karere ka Nyabihu ni tariki ya 12-13 Kamena 2026 mu Kigo cya Gisirikare cya Mukamira
- Mu Karere ka Ngororero ni tariki ya 14-15 Kamena 2026 kuri Stade ya Ngororero

**Iri tangazo mushobora kandi kurisoma ku rubuga rwa Minisiteri y'Ingabo** www.mod.gov.rw.

Bikorewe i Kigali, ku wa ...15... Gicurasi 2026

**Lambert SENDEGEYA**
Colonel
Umuyobozi Mukuru Ushinzwe
Abakozi mu Ngabo z'u Rwanda